# 197: Uwishinze ku byasezeranijwe N'Umukiza

1. Uwishinze ku byasezeranijwe N'Umukiza wac' abon' amahoro, Kand' aririmbishwa n'umunezero Kuko yizey' ibihoraho.

Ref: Twiringiye Ibyasezeranijwe na Yesu wacu; Nta bwo, nta bwo Yashobora guhemukir'abe.

2. ibyasezeranijwe n'Uwiteka Ntibikuk' iyo Satan' aduteye Ntidushidikanya, ntadutinyisha, Kuko twizey' ibihoraho.

3. ibyasezeranijwe n'Uwiteka Byerekana kw amaraso ye yoza. Ni y' ankiz' ibyaha, ntibinyanduze, Kuko nizey' Uwanshunguye,

4. Ibyasezeranijwe n'Uwiteka Bitum' urukundo rwe runkomeza; Inkota y'Umwuka ndayirwanisha;Ni y' itum' Umwanz' anesheka.

5. Uwishinze ku byasezeranijwe Ni w' uhora yumvir' Umwuka Wera, Satani ntashobora kumutsinda, Kuko yizigiy' Uhoraho.

Visit us at burundi.indirimbo.com